FOR OUR RWANDAN READERS

WAKWIGA ICYO UTAZI NDETSE N'ICYO UZI

UWAMBAYE IKIREZI NTAMENYA UKO CYERA: Umuhanzi w'iki gitabo avuga ko mu ndimi azi nta rurimi runyomoye nk' Ikinyarwanda. Ibihe biha ibindi, ibitabo byigisha Ikinyarwanda byinshi byanditswe n'abavuga Igifransa, bigisha na none abavuga Igifransa. Uwahanze iki gitabo mu 1952 yakigeneye abavuga Icyongereza ngo bamenye Ikinyarwanda. Ubu bwo kirigisha indimi zombi mu mwanya umwe. Nubwo uzi Ikinyarwanda ntuzabura kubona ibirenzeho no kwishimira gahunda y'ururimi rwacu mu buryo tutatekerezagamo.

MBESE URASHAKA KWIGA ICYONGEREZA? Umuhanzi w'iki gitabo yagiye akuzirikana nawe. Uzasangamo ibyigisho by'ingirakamaro byinshi bitazabura kukungura. Ahahera ibyigisho bimwe na bimwe, hari "Extra Vocabulary" na "Extra Sentences" bikugenewe, bisobanuwe mu Cyongereza. Byongeye kandi mu mugabane wa kane w'iki gitabo (Part Four) higanjemo amagambo y'uburyo butari bumwe agushoboza gukoresha ibyo wize. Niba urashaka kwiga Icyongereza iki gitabo ntikizabura kukubera inyunganizi rwose.

NAWE WAKWANDIKA: Wari uzi ko hari Abanyarwanda bigisha Icyongereza muri bene cyo? Icyo umwe yakoze n' undi yagikora. Mu gihe tuvugurura iki gitabo, hari Abanyarwanda bataka ko bagiye kubura Igifransa. Sindumva abavuga ko bagiye kubura Ikinyarwanda nyacyo. Ndashima abayobozi bacyitayeho kitaraba nk'izindi ndimi zisa nk'izitagira bene zo. Hari abavuga ko n' Igifransa kitari kizwi nkuko abagitaka bibwira. Iki gitabo kizakwereka urugero rwawe mu Kinyarwanda no mu Cyongereza. Ku bazi Icyongereza muzasanga ko Arthur L. Hands akizi bitari ukukivukiramo gusa, ahubwo yagishyizemo umwete.

Seraya Mbangukira
Umwigishwa wa Arthur L. Hands